

UMWANDIKO : UBUFATANYE N'UBWUZUZANYE MU MURYANGO

Kuvuka heza nta ko bisa, kuvuka neza si ibya bose kuko isuku igira isoko naho umwanda ukagira akazu. Ngayo amahirwe ndusha ab'ahandi nge wavukiye mu gihugu k'imisozi igihumbi, cyakuzemo ibirunga kikaba gihorana amahumbezi. Igihugu keramo amaka n'amahore, aho bahura bagacyura, ababyeyi bagatega ingori buri muni. Igihugu kitacitse imisanzu y'inkiko, aho barera neza, abonkeje bagacutsa maze bagatuma abadatenguha.

Nkibaho nasanze data na mama babana neza, bakunda abana no kubagira, bakunda umurimo, bakunda umuco ubaranga, bakunda ukuri, banga ubuhemu, banga mpemuke ndamuke, banga igitotsi mu jisho rizima, badategereza ibitangaza bahinnye amaboko, badategereza umwijima bashaka kujujubya abiyushye akuya, badakanurira amaso ak'imuhana kaza imvura ihise, birinda kubeshya, birinda guhemuka, birinda kwiheba ijuru rihingutse, baharanira kuvuga rumwe n'abavandimwe, baharanira gufatanya n'inshuti. Uwo mucu ndawutora, nkunda gutega amatwi ibiganiro byabo n'imisango, nkabakurikira mu murima, iteka nkishimira kubwirwa ko ndi inkubaganyi nigana ibyo data akora. Ngaterwa ishema no gushimirwa guherekeza uwambyaye mu bitaramo by'akazi ka muntu no mu ruhame aho bamuhamagariye kunga inshuti, gukiranura abavandimwe cyangwa ku rubanza rumarwa n'inzoga. Bityo nsanga usanze se atabaza sekuru.

Uko data yabaga ateye ikirago mu museso yizeye ko adusize mu bitotsi, narahagurukaga nkamurungurukira mu myenge y'urusika rwakingirizaga ku gakinga aho nararaga, nkabona afashe isuka aho yabaga imanitse nkumva ko agiye mu murima. Mama yabaga atamutanze kubyuka, bakabadukira rimwe, we agafata ikibindi nkumva ko agiye ku iriba kuko yahindukiraga ikibindi acyujuje amazi. Yamara kugitura agafata imyeyo amaze gutereka inkono ku mashyiga no kumbyutsa ngo nshanire.

Ubwo ku mutima nkibwira ko abagore ari bo bavunika cyane kuko nyuma y'iyi mirimo yose no kutugaburira ibiryo bihiye, mama yafataga isuka agasanga data mu murima amushyiriye n'uruhembo. Bikantera kwibaza niba data ashobora kuvoma, cyangwa kwikorera ikibindi ntakimene, dore ko ntari nakamubonye akora uwo murimo numvaga ari uw'abagore gusa .

Nkibaza impamvu mama ari we uteka wenyine buri gihe data yiyicariye kandi na w enta cyo byari kumutwara, ndetse ibiryo bigashya nta ngorane ahura na zo.

Sinibuka umunsi imvura yaragwaga mama arwaye, aryamye hafi y'amashyiga ku gasika, abavandimwe bange bankurikira dupfumbase amashyiga kuko umurimo wari mu ziko wari muke cyane, mbona data afashe inkono arayoza ayitereka ku mashyiga, ashiramo amazi n'ibitekwa, nyuma yicara mu mwanya mama yicaragamo atetse, aracanira, ibyo kurya bihiye aratugaburira. Kuva uwo munsi nishyiramo ko umuntu ari nk'undi, ko batandukanywa gusa n'umuteto uterwa no kwishyikira kwa buri wese ku giti ke. Mbona ibyiza ari ugufatanya bityo uwize umwuga mugenzi we akora akaba yiteze iminsi mibi, mpita ntinyuka kubaza data niba ubusanzwe hari abagabo bateka kandi bakarurira abana n'umugore. Mama aho aryamye icyo kibazo kiramurakaza maze anyuka inabi, ati : « Sigaho kurimanganya wa nshyomotsi we ! »

Ubwoba n'ikimwaro bimfashe nitegereza data wamaze umwanya yiyumvira akaza kumbwira mu ijwi ryoroheje ariko ritari ryiza ati : « Ikibabaza umubyeyi ni ukubwira utazageza ingobyi imugongo kuko umuntu amenya uko yaruhije abamubyaye iyo yaruhijwe n'abo yabyaye. Narabyaye namwe muzabyara. »

Umunsi wo guhogorora uhurirana n'ishya ry'ibigage, imisemburo ifuha mu ntango. Dutumira inshuti n'abavandimwe, ku badufashije twongeraho abasheshe akanguhe bo mu muryango wacu, uruhembo rujyana n'umuganura.

Abari aho bamaze gushira inyota, data aterura ijamba ashimira abamufashije umugore we arwaye, arisoza yifuza ko ejo ubwo bufatanye busugira bugasagamba mu bantu. Uko abatamirwa bagenda bakurana mu magambo basubiza imvugo yabanje, bese bakagusha ku gitekerezo kiza cyo kwibuka gushimira uwabanje ubuntu, ineza kimwe no gutura abakuru umuganura, bakishimira uwo mutima mwiza w'ababyeyi bange, babifuriza kuzasiga uwo muco utamwaye mu bato.

Imyaka nari mfite ntiyanyemereraga gufata ijamba imbere y'iyi mbaga, bituma ndifatira mu mutima wange nibaza impamvu abari aho bese banezerewe.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

A. IBIBAZO BYO KUMVA UMWANDIKO

1. Vuga abantu bavugwa muri uyu mwandiko
2. Ubara iyi nkuru avuga ko yavukiye mu gihugu giteye gite ?
3. Kuri wowe wumva icyo gihugu ari ikihe ?
4. Vuga ibintu bibiri, ababyeyi bavugwa muri uyu mwandiko bakundaga.
5. Vuga ibintu bibiri abo babyeyi birindaga.
6. Ni iki cyateraga uwo mwana ishema igihe yabaga ari kumwe n'umubyeyi we ?
7. Vuga imirimo ine yakorwaga na nyina w'umwana mbere yo kujya guhinga.
8. Igihe nyina w'umwana yari arwaye, se yabyitwayemo ate ?
9. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko ?

B. INYUNGURAMAGAMBO

1. **Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko :**
 - a) Kuka inabi
 - b) Kubaduka
 - c) Uruhembo
 - d) Abasheshe akanguhe
2. **Tanga imbusane z'amagambo akurikira**
 - a) Umwanda†.....
 - b) Gushima†.....
 - c) Ineza†.....
 - d) Abakuru†.....
3. **Simbuza amagambo aciyeho akarongo andi bihuje inyito ari mu mwandiko**
 - a) Imisozi yambaye amashyamba mu gihugu cyacu ituma cyumvikanamo **ikirere gihehereye**.
 - b) Iteka **nshimishwa** no kuba Umunyarwanda.

IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO

1. **Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo**
 - a) Kuvuka neza si ibya bose kuko isuku igira isoko naho umwanda ukagira akazu.
 - b) Ngayo amahirwe ndusha ab'ahandi nge wavukiye mu gihugu cy'imisozi igihumbi.
 - c) Bakishimira uwo mutima mwiza w'ababyeyi bange.
 - d) Ibyiza by'umuco karande bituma twigira.
2. **Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe by'amagambo aciyeho akarongo**
 - a) Dutumira inshuti n'abavandimwe baraza banywa inzoga.
 - b) Nkibaza impamvu mama ari we uteka wenyine.
 - c) Uwo muni imvura yaragwaga ari nyinshi.
 - d) Igikorwa cy'uwo muni gihurirana n'ishya ry'ibigage.
 - e) Abahigi basanze nta mitego yafashe.
3. **Andika ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo**
 - a) Bose bakagusha ku gitekerezo cyo kwibuka gushimira.
 - b) Iby'umuco w'iwacu si bishyashya.
 - c) Indoro ye igaragaza byinshi.
4. **Andika inteko ku mazina, ibinyazina na ntera ndetse na ngenga ku nshinga by'amagambo aciyeho akarongo:**
 - a) Nkibaho nasanze data na mama babana neza.
 - b) Kuva uwo muni nishyiramo ko umuntu wese ari nk'undi.
 - c) Ubwoba n'ikimwaro bimfashe nitegereza data wamaze umwanya munini yiyumvira.
 - d) Narabyaye namwe muzabyara.

UBUTINDE N'AMASAKU

5. **Tandukanya amagambo yandikwa atyo ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso**
 - a) Guhamiriza (kw'intore).....≠.....(gutangira undi ubuhamya)
 - b) Guhumura (gutanga impumuro).....≠.....(amaso)
 - c) Guhunguka (kw'impunzi).....≠.....(kw'intete ku kigoro)
 - d) Amahoro (umutekano).....≠.....(imisoro)
 - e) Amakoro (amaturo).....≠.....(amabuye y'ibirunga)

IGICE CYA GATATU: IMYANDIKIRE N'UBUMENYI RUSANGE BY'URURIMI

1. **Kosora aho biri ngombwa imyandikire y'amagambo akurikira**
 - a) Kuwa kabiri
 - b) Kuburyo
 - c) Isamoya
 - d) Kugirango
 - e) Ni mugoroba
 - f) Urwanda
2. **Ica ibi bisakuzo. Sakwe sakwe!!!**

- a) Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo
 - b) Inka yange nyikama igaramye
- 3. Uzuza iyi migani y'imigenurano:**
- a)ntikamenya iyo bweze.
 - b) Abasangiye ubusa.....
- 4. Koresha amagambo yabugenewe kuri aya magambo akurikira**
- a) Gushorera inka:
 - b) Gutembera mu gihugu k'umwami:
 - c) Kubaza isekuru:
 - d) Ibuye baseraho:
 - e) Kumanika igisabo:
- 5. Utwatuzo dukurikira twandikwa duta? Dukoresha ryari?**
- a) Agatangaro
 - b) Utwuguruzo n'utwugarizo
- 6. Andika amagambo abirabiri arimo ibihokane bikurikira**
- a) Ndy
 - b) Myw
 - c) Mbyw

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO

Tandukanya imbata y'ihimbamwandiko n'iy'ibaruwa y'ubutegetsu.